RWB
Rwanda Water
Resources Board



# AMABWIRIZA YEREKEYE GUSABA URUHUSHYA RWO GUKORESHA UMUTUNGO KAMERE W'AMAZI

Nyakanga, 2024

Nyarugenge Pension Plaza KN 3 Avenue / P.O Box: 6213 Kigali- Rwanda, Twitter: @RwandaWater
Website: www.rwb.rw / Email: info@rwb.rw

## 1. INTANGIRIRO

Ikoreshwa ry'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda rigenda rirushaho kwiyongera. Abantu bagomba gukoresha umutungo kamere w'amazi neza, bawurondereza, kandi mu bushishozi niba dushaka kubaka ejo hazaza harambye kandi heza ku bisekuruza bizaza ndetse no kuri twe ubwacu. Kugirango ibi bigerweho, hakenewe kumenya ingano y'amazi akoreshwa, abayakoresha, n'aho baherereye. Ibi nibimara kumenyekana, bizatuma hashobora gukorwa ibipimo byerekana ingano y'amazi yaboneka kugirango akoreshwe. Ahantu hamwe na hamwe dushobora gusanga hari amazi menshi yinyongera ashobora koherezwa mu tundi turere tutayafite kugirango ahakoreshwe. Mu gihe ushobora gusanga hari ahandi hantu amazi adahagije, ku buryo akenewe aba aruta ashobora kuhaboneka hatabayeho kubangamira urusobe rw'ibidukikije.

Itegeko N°49/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga imikoreshereze n'imicungire y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda riteganya ko "*Ikoreshwa ry'umutungo kamere w'amazi mu mirimo itandukanye n'inyubako zishobora guhindura imitembere y'amazi, ingano yayo, kwangiza ubwiza bwayo cyangwa kubangamira ibiyabamo, ahantu hahehereye n'ibidukikije, bisabirwa uruhushya rwo gukoresha amazi*".

Iteka rya Minisitiri N° 001 / MoE / 24 yo ku wa 02/04/2024 ryerekeye uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi ribishimangira kurushaho rigena mu buryo burambuye amabwiriza yerekeye imitangire y'uruhushya rwo gukoresha amazi.

Uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi ni kimwe mu bikoresho bifasha mu kwegeranya amakuru dukeneye mu gucunga neza umutungo kamere w'amazi kandi bikagira uruhare mu kugera ku nshingano nyamukuru z'Ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda ngo umutungo kamere w'amazi uboneke mu buryo buhagije kandi ucungwe neza kugira ngo iterambere rirambye rigerweho.

## 2. Kuki uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi ari ngombwa?

- **Gucunga neza umutungo kamere w'amazi**: Gucunga umutungo kamere w'amazi neza kandi ugakoreshwa urondererezwa hagamijwe guteza imbere ubukungu bw'igihugu.
- **Gusaranganya mu buryo bungana:** Kugirango tubashe gusaranganya umutungo kamere w' amazi, tugomba kumenya ingano y'amazi yaboneka n'akenewe n'abakoresha amazi batandukanye basangiye isoko imwe.
- **Kurengera ibidukikije:** Tugomba kumenya neza ko umutunko kamere w'amazi ucungwa neza, mu igenamigambi ryayo, kandi ko ibiyanduza byagabanyijwe kugera ku gipimo cyo hasi gishoboka. Mugihe cyo gutanga uruhushya rwo gukoresha umutungo

kamere w'amazi mu bikorwa bitandukanye, tugomba kwizera neza ko amazi azigamirwa kurengera ibidukikije akomeza kuboneka.

- **Kunganira ishoramari ku mutungo kamere w'amazi:** Gutanga impushya ku bakoresha umutungo kamere w'amazi, no kugenzura ibikorwa byabo ni ishingiro ryo gufasha mu gushyiraho amafaranga y'imikoreshereze y'amazi ari nayo agaruka mu ishoramari rituma umutungo kamere w'amazi ukomeza kuboneka mu buryo buhagije kandi burambye ahantu nyaho no mu gihe nyacyo.

## 3. Ni izihe nyungu zo kugira uruhushya rwo kukoresha umutungo kamere w'amazi?

- Umuntu ufite uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi aba yubahirije amategeko kandi ibyifuzo bye ni byo byitabwaho iyo habaye amakimbirane yo gukoresha amazi. Ufite uruhushya ntiyahanwa cyangwa ngo akurikiranwe mu mategeko;
- Ufite uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi ni we witabwaho mu igenamigambi ry'imicungire y'amazi: abakoresha amazi batazwi / batiyandikishije bafite ibyago byinshi byo gutakaza umugabane wabo / aho bayafatira / imbago z'aho bakorera.
- Iyo amazi abaye make cyangwa habayeho ibiza, abafite uruhushya ni bo bashobora guhabwa ubufasha cyangwa ubuvugizi aho bibaye ngombwa.

## 4. Ni ibihe bikenerwa muri rusange mu gusaba uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi?

- Ibaruwa isaba uruhushya yandikiwe Ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi (RWB), inyujijwe ku Muyobozi w'Akarere imirimo izakorerwamo;
- Ifishi yo gusaba yujujwe neza igenwa na RWB;
- Inyemezabwishyu ya 35,000 Frw yishyurirwa ku IREMBO, unyuze ku rubuga https://www.waterpermit.rwb.rw/payment;
- Fotokopi y'icyangombwa kiranga usaba cyangwa icyemezo cy'iyandikishwa cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha, iyo usaba ari sosiyete y'ubucuruzi, koperative, ishyirahamwe cyangwa fondasiyo;
- Indi nyandiko yaba ngombwa.

## 5. Ni ibihe bikenerwa byihariye kuri buri gikorwa gikeneye uruhushya rwo gukoresha amazi?

| Icyo amazi azakoreshwa | Ibikenerwa |
|---|---|
| Kuhira ubutaka | 1. Ubutaka buto (1-10 ha): Ibikenerwa rusange<br>2. Ubutaka bunini (> 10 ha): Ibikenerwa rusange + Seritifika ya EIA hamwe n'inyigo y'umushinga |
| Kubaka ibyambu cyangwa ibikorwaremezo mu mazi | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Seritifika ya EIA<br>• Inyigo y'umushinga |
| Kubaka urugomero | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Seritifika ya EIA<br>• Inyigo y'umushinga |
| Kororera amafi mu kiyaga | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Ibaruwa ya MINAGRI/RAB yemeza ubworozi bwo mu mazi<br>• Ikarita igaragaza aho ubworozi buzakorerwa |
| Kororera amafi mu cyuzi | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Ibaruwa ya MINAGRI/RAB yemeza ubworozi bwo mu mazi<br>• Raporo igaragaza ingano y'amazi ahari n'akenewe |
| Gukwirakwiza amazi mu ngo, mu nzuri no mu bigo bihuriramo abantu benshi | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Inyigo y'umushinga |
| Kuronga kawa | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Raporo igaragaza ingano y'amazi ahari n'akenewe |
| Gukoresha amazi-kamere mu nganda | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Seritifika ya EIA<br>• Raporo igaragaza ingano y'amazi ahari n'akenewe |
| Ingomero z'amashanyarazi | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Seritifika ya EIA<br>• Inyigo y'umushinga |
| Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Lisanse y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro<br>• Seritifika ya EIA<br>• Raporo igaragaza ingano y'amazi ahari |

| | |
|---|---|
| | n'akenewe |
| Gucukura gazi mu mazi | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Seritifika ya EIA<br>• Inyigo y'umushinga |
| Imyidagaduro yo mu mazi | • Ibikenerwa rusange (byavuzwe haruguru)<br>• Seritifika ya EIA<br>• Ikarita igaragaza aho imyidagaduro izakorerwa |
| Ibindi | • Ibikenerwa biterwa n'imiterere y'umushinga |

**Ikitonderwa:** Ku bijyanye no gufata amazi yo mu butaka hacukurwa nayikondo, usaba uruhushya agomba kongeraho raporo y'isuzuma ryakozwe mu gupompa ayo mazi, nka kimwe mu bigize ubusabe bwe.

## 6. Kubahiriza igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'amazi y'ibiyaga

Ibiyaga bya Kivu, Muhazi, Burera, Ruhondo, na Mugesera byakorewe igishushanyo mbonera cyo gukoresha amazi. Iyo hakenewe uruhushya rwo gukoresha amazi mu bworozi bw'amafi, ibikorwa byo kwidagadura cyangwa kubaka ibikorwa remezo muri ibyo biyaga, ni ngombwa kubahiriza imbago zagenwe muri buri gace nk'uko bigaragazwa n'igishushanyo mbonera cyo gukoresha amazi yo muri ibyo biyaga.

## 7. Ni ayahe makuru yihariye ku bakoresha amazi b'ingenzi? (yuzuzwa ku ifishi isaba)

***a) Kuhira***

- Ubwoko bw'igihingwa;
- Ubwoko bwa sisitemu yo kubyaza umusaruro ikoreshwa;
- Ubwoko bw'uburyo buzakoreshwa mu kuhira;
- ubuso bwose b.zuuhirwa;
- Ingano yose y'amazi azakenerwa mu gihe cy' ihinga.

***b) Kubaka ibikorwa remezo mu migezi cyangwa ibiyaga***

- Ibisobanuro muri make by'umushinga wubwubatsi;
- Igihe giteganijwe cyo kubaka;
- Ibishushanyombonera cyangwa amakarita yerekana ibizahinduka biteganyijwe; imirimo y'ubwubatsi nirangira.

-

***c) Ubworozi bw'amafi mu byuzi***

- Ubuso bw' icyuzi;
- Ubushobozi bw' icyuzi bwo kubika amazi;
- Inshuro amazi ahindurwa mu cyuzi;
- Ingano y' amazi akoreshwa.

***d) Ubworozi bw'amafi mu biyaga***

- Izina ry' ikiyaga;
- Umubare wa za kareremba;
- Ubushobozi bwa buri kareremba;
- Ubuso bwo kororeramo;
- Amerekezo y' imbago.

***e) Gukwirakwiza amazi***

- Abaturage bazahabwa amazi;
- Ikigereranyo cyo gukoresha amazi kuri buri muntu ku munsi;
- Amazi azakenerwa k'umunsi;
- Ingano y'amazi azafatwa;
- Ingano yose y'uburyo bubika amazi.

***f) Ibikorwa byo kuronga Kawa***

- Ingano y' amazi afatwa;
- Ingano ya Kawa itunganywa.

***g) Inganda***

- Ubwoko bw'uruganda (Gutunganya ibiribwa, Gutunganya/gupakira indabo, Gukora ibinyabutabire, Amazi yo kunywa, Gukora ibinyobwa, Gutunganya imboga n'imbuto, ibindi...)
- Ingano y'amazi azafatwa.

***h) Ingomero z'Amashanyarazi***

- Ingano y' amazi akoreshwa;
- Ese hari undi muntu ukoresha amazi kuri iyo ntera?
- Ubushobozi bw'urugomero rw'amashanyarazi.

***i) ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro***

- Ingano y' amazi akoreshwa ;

- Ubwoko bw'amabuye y'agaciro;
- Impuzandengo y'umwaka y'amabuye y'agaciro yacukuwe.

***j) Ibyambu***

- Ibisobanuro bigufi ku mushinga;
- Amerekezo y' inzira zica mu mazi.

***k) Ibikorwa by' Imyidagaduro yo mumazi***

- Ibisobanuro bigufi ku mushinga;
- Amerekezo y'igice kizakorerwamo imyidagaduro.

## 8. Ni irihe tandukaniro riri hagati yo gukwirakwiza amazi mu ngo n'ikoreshwa ry'amazi mu mirimo yo mu ngo?

*Gukwirakwiza amazi mu ngo no mu nyubako rusange* bivuze amazi meza cyangwa atari meza ahabwa ingo, amashuri, ibitaro, nibindi... n'urwego rukwirakwiza amazi mu buryo bwa rusange (utanga iyo serivisi) kandi akaba ashinzwe kugeza amazi mu nzu zituwemo n'abantu ku giti cyabo cyangwa inyubako rusange cyangwa mu nzuri. Ayo mazi ashobora kuba ari iy'imusozi cyangwa ava mu butaka. Gukwirakwiza amazi mu ngo cyangwa mu nyubako rusange bisabirwa uruhushya.

*Gukoresha amazi mu mirimo yo mu rugo* bivuga gukoresha amazi mu buryo butaziguye yaba ay'imusozi cyangwa ayo mu butaka hatabayeho uruhare rw'utanga iyo serivisi. Ayo mazi aba agenewe kunywa, guteka, kwiyuhagira, gukaraba, gusukura cyangwa gufata neza amazu n'ibiyakikije n'ibindi bikoresho byo mu rugo ku rugero ruto ku ngano ikenewe kugirango umuntu ku giti cye cyangwa umuryango we bihaze mu byo bakeneye. Gukoresha amazi mu mirimo yo mu rugo ntibisabirwa uruhushya.

## 9. Ni gute wasaba uruhushya rwo gukoresha amazi?

- Kwandika baruwa isaba uruhushya yandikiwe Ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (RWB), inyujijwe ku Muyobozi w'Akarere imirimo izakorerwamo;
- Kuzuza neza ifishi yo gusaba igenwa na RWB;
- Komekaho imigereka igaragara mu ifishi;
- Kugaragaza Inyemezabwishyu ya 35,000 Frw yishyurirwa ku IREMBO, unyuze ku rubuga https://www.waterpermit.rwb.rw/payment;
- Kohereza ubusabe bwawe kuri info@rwb.rw

*Amakuru arambuye ajyanye no gusaba uruhushya rwo gukoresha amazi wayasanga kuri www.waterpermit.rwb.rw*

## 10. Ni ibihe bishingirwaho mu gutanga cyangwa kudatanga uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi

RWB ifata icyemezo cyo gutanga cyangwa kudatanga uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi ishingiye ku bigenderwaho bikurikira:

- Ugutanga ibyangombwa bisabwa byose, nk'uko biteganywa n'aya mabwiriza;
- Ukuboneka k'umutungo kamere w'amazi n'ingano y'amazi;
- Ubuziranenge bw'umutungo kamere w'amazi;
- Ingano y'umutungo kamere w'amazi usabwa;
- Ingaruka z'ibikorwa biteganyijwe ku burenganzira bw'abandi bakoresha amazi no ku burenganzira bw'abandi;
- Ingaruka ibikorwa biteganyijwe bishobora kugira ku mutungo kamere w'amazi, ku bidukikije no ku mutekano rusange;
- Ibiteganyijwe mu igenamigambi ryo kubungabunga icyogogo;
- Ibiteganyijwe mu igenamigambi ry'imijyi, iry'uturere n'iry'imikoreshereze y'ubutaka;
- Ibyitabwaho mbere mu gusaranganya amazi biteganywa n'Itegeko ry'amazi.

## 11. Uruhushya rwo gukoresha amazi rumara igihe kingana iki?

Uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi rumara igihe fatizo kitarenze imyaka 15 cyangwa igihe igikorwa giteganyijwe kizamara iyo kitagejeje kuri iyo myaka. Urwo ruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi rushobora kongerwa.

## 12. Ni gute wasaba kongererwa igihe cy'uruhushya rwo gukoresha amazi?

Ufite uruhushya rwo gukoresha amazi wifuza kongerera igihe abikora byibuze amezi atatu (3) mbere yuko igihe cya mbere yahawe kirangira. Akora ibi bikurikira:

- ➢ Kwandika ibaruwa isaba uruhushya yandikiwe Ikigo inyujijwe ku Muyobozi w'Akarere imirimo izakorerwamo;
- ➢ Gutanga raporo rusange y'ibikorwa byakozwe mu gihe gishize;
- ➢ Kugaragaza inyemezabwishyu ya 35,000 Frw yishyurirwa ku IREMBO, unyuze ku rubuga *https://www.waterpermit.rwb.rw/payment;*
- ➢ Indi nyandiko ya ngombwa yakenerwa n'ikigo;

- Kohereza ubusabe kuri imeyili: info@rwb.rw

Uruhushya rwo gukoresha amazi rwongerewe igihe rukurikiza ibisabwa bihuye n'iby'uruhashya rwa mbere.

RWB ishobora kongerera cyangwa kutongerera igihe uruhushya rwo gukoresha amazi nyuma yo kugenzura iyubahirizwa ry'ibikubiye mu masezerano yo gukoresha umutungo kamere w'amazi abanza.

## 13. Ni gute hakorwa ihererekanya cyangwa ihindurwa ry'uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi?

***Guhererekanya uruhushya:*** Ufite uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi ashobora gusaba Ikigo kuruhererekanya akagagaraza impamvu z'iryo hererekanya ndetse n'umwirondoro w'ugomba kuruhabwa. Ubusabe bwo guhererekanya uruhushya buherekezwa n'inyemezabwishyu ya 35,000 Frw yishyurirwa ku IREMBO, unyuze ku rubuga *https://www.waterpermit.rwb.rw/payment;*
Uwahawe uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi binyuze mu ihererekanya agira uburengazira bumwe n'inshingano zimwe n'uwari urusanganywe kandi yubahiriza ibisabwa nk'ibyo uwari warahawe uruhushya yasabwaga kubahiriza.

***Guhinduza amakuru:*** Ikigo gishobora, mu gihe kibisabwe mu nyandiko n'uwahawe uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi, guhindura urwo ruhushya, nyuma yo gusuzuma impamvu z'ubwo busabe.

## 14. Uruhushya rwo gukoresha amazi rutangwa gute?

Nyuma yo kwakira ubusabe bw'uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi, Ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda gisura ahasabiwe uruhushya mu rwego rwo gusuzuma no kugenzura amakuru yatanzwe. Nyuma yaho, hakorwa raporo ya tekiniki yerekana niba uruhushya rwasabwe rushobora gutangwa.

## 15. Ninde uhabwa uburenganzira mbere y'abandi mu bikorwa byo gukoresha umutungo kamere w'amazi?

Abantu bose bafite uburenganzira bungana ku mutungo kamere w'amazi uhari.
Icyakora, mu gusaranganya umutungo kamere w'amazi hitabwa mbere na mbere ku mazi:

1° akoreshwa mu mirimo yo mu rugo;
2° agenewe kubungabunga no kurengera ibidukikije;
3° akoreshwa mu mirimo ibyara inyungu.

Mugihe isoko y'amazi imaze igihe kinini ikoreshwa, usanzwe (umaze igihe kinini ayikoresha) ni we uhabwa uburenganzira bwo kuyikoresha mbere y'abandi kandi agasabwa kubahiriza amategeko asanzweho hamwe n'aya amabwiriza.

## 16. Ni ayahe mafaranga yishyurwa n'umuntu ukoresha umutungo kamere w'amazi?

Ufite uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi yishyura buri mwaka amafaranga yo gukoresha amazi hakurikije ibipimo bisobanurwa mu Iteka rya Minisitiri.

## 17. Ni ibihe byaha n'ibihano?

Umuntu wese ukoresha amazi cyangwa ukora igikorwa cyerekeranye n'amazi atabifitiye uruhushya rwo gukoresha amazi ruteganywa itegeko, aba akoze icyaha.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitarenze amezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ingana n'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

**Bikorewe i Kigali, kuwa** ......23/07/2024......

**Dr. Emmanuel RUKUNDO**
**Umuyobozi Mukuru**

RWANDA WATER RESOURCES BOARD - RWB

***Umugereka wa 1:*** *Itegeko N°49/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga imikoreshereze n'imicungire y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda.*

***Umugereka wa 2:*** *Iteka rya Minisitiri n° 001/MoE/24 ryo ku wa 02/04/2024 ryerekeye uruhushya rwo gukoresha umutungo kamere w'amazi*